3570/5V/2/cl
13-7-59

Envoyé quelques exemplaires en chefferie

Juin 1959

RUANDA-URUNDI
SERVICE VETERINAIRE

KIBUNGO
4351

# NOTE SUR LA BIOLOGIE DE LA " DOUVE".-

La "douve" ou Distomatose des ovins et des bovins est causée par un vers plat, brunâtre de plus ou moins 30 m/m de long qui parasite le foie des moutons et du gros bétail.-

Logé dans les canaux biliaires du foie, où il se nourrit de sang, le vers adulte peut y vivre pendant deux ans. Les canaux biliaires du foie peuvent être parasités par plusieurs vers adultes dont chacun pond tous les jours + 30 oeufs et ce pendant deux ans, soit 22.000 oeufs!!.. Ces oeufs s'éliminent par les selles et s'ils tombent dans l'eau (marais ou pâturages marécageux) ils éclosent et libèrent un embryon cilié ("MIRACIDIUM") qui nage librement et pénètre dans le poumon d'un petit mollusque ("LIMNEE") qui depuis toujours infeste certaines vallées marécageuses du pays. Là, le MIRACIDIUM perd ses fils natatoires et il se transforme en une toute petite boule ("SPOROCYSTE") d'où peu après sortent 5 à 6 petites larves ("RADIES") qui quittent le poumon du mollusque pour s'installer dans son foie. Là chacune de ces 5 - 6 petites larves se divise en 15 à 20 autres ("CERCAIRES") qui ressemblent à des tout petits têtards et qui quittent le foie du mollusque, retournent dans l'eau, collent sur la première plante ou herbe aquatique qu'elle rencontre et s'y enkystent ("METACERCAIRE").

C'est ainsi que le bétail qui boit de l'eau infestée de "cercaires" (larves) ou qui mange de l'herbe portant des "Metacercaires" (kystes) ingère en même temps ce parasite qui se fixe dans les canaux biliaires du foie de la bête et qui recommence ce cyle sans fin...

Il est donc évident que:

I) Un seul vers adulte peut en deux ans, donner plus de 2.000.000 de douves!! et que la chance d'infection du bétail sain est énorme !.
2) Pour que la douve puisse vivre son cycle sans fin il faut la présence de ces mollusques qui s'appellent "LIMNEE".
3) Pour que le bétail s'infecte, il faut qu'il pâture dans des marécages et boive de l'eau infestée.

PATHOGENIE: La douve provoque-t-elle une maladie grave?

La maladie causée par la "douve" est-elle grave ou dangereuse? Pour les moutons: Oui ! L'on peut avoir 25% et plus de mortalité. Pour le gros bétail, même en Europe la maladie passe souvent inaperçue à cause de sa moindre intensité et de la grande résistance des bovins.
Au Ruanda-Urundi, l'on n'a jamais constaté des cas de mortalité due à la douve.

TRAITEMENT - PROPHYLAXIE: Comment lutter contre les effets de la douve?

Si la "douve" ne tue pas le bétail cela n'empêche qu'elle est toujours un parasite qui diminue la résistance de l'organisme animal et qu'il faut éviter.

.../...

D'autre part, avec les médicamments dont nous disposons on peut guérir la douve mais on ne peut pas empêcher que le bétail se ré-infecte.

Le traitement seul ne donne donc que des résultats provisoires. Pour lutter contre ce parasite il faute, en même temps que l'administration des médicaments, prendre des mesures de prophylaxie.

Quelles sont ces mesures?

a) Eviter les pâturages marécageux surtout lorsqu'ils sont infestés de LIMNEES;donc; pâturages secs, pâturages drainés ou encore pâturages chaulés.

b) Procureur au bétail de l'eau courante propre. Ne pas l'abreuver dans les marais.

c) Nourrir le bétail convenablement et lui procureur des sels minéraux afin d'augmenter encore sa résistance naturelle contre la douve et les autres verminoses.

x

x x

L'on peut terminer cette courte note en ajoutant que la douve existe depuis toujours dans presque tous les pays du monde et surtout en pays tropicaux où l'humidité, la chaleur et la présence de limnées sont aussi vieilles que la Terre.

------------

SERVICE VETERINAIRE
RESIDENCE DU RUANDA

# INZOKA Z'INKA BITA " D U V E ".

A. Duve ni iki?

Duve ni indwara y'intama n'inka iterwa n'inzoka imeze nk'umukandara w'ibihogo,ipima milimetero nka 30 z'uburebure, igafata mu mwijima w'inka n'intama.

Ako kayoka iyo gakuze kihisha mu mitsi y'umwijima imeze nk'imiheha,kagatungwa no kuwonka amaraso,kagashobora kumara imyaka ibili yose.Kuli iyo mitsi y'imiheha y'umwijima hashobora kuba utwo tuyoka dukuze twinshi.Buri kayoka gatera amagi arenze 30 mu munsi umwe. Mu myaka ibili kamara rero kaba kagejeje ku magi 22.000 ! Iyo kamaze gutera ayo magi kagwa mu mazi (yo mu gishanga cyangwa urwuri rw'umusitwe),arituraga,rimwe rikabyara akanyogorogoto kagenda kwoga kakinjira mu gihaha cy'umusundwe usanzwe uba mu bishanga.

Ako kanyorogoto kamara kugera mu nda y'umuhini, kagacika utubaba kwogeshaga,kakiburungushuramo akabumbe kameze nk'intanga ivukamo utwana dutanu cyangwa dutandatu duherako tuva mu bihaha bya wa muhini tukawujya mu mwijima. Twageramo noneho kamwe kakigabanyamo utundi twaba nka I5 cyangwa 20 tujya gusa n'inyogaruzi. Ubwo nyina yari idutwite ikatubyara,tugasubira mu mazi,twahagera tukamata ku byatsi cyangwa ibiti tuyasanzemo,maze tukipfurika mu gakobokobo kameze nk'ikinyamunjonjororwa.

Hanyuma inka yanywa amazi cyangwa yarisha ubwatsi burimo utwo tunyamunjonjororwa ikatumirana na byo,tukayiboneza mu mwijima, tugatangira ubwo kuyinyunyuza amaraso nk'ikirondwe no kwongera kubyara utundi nk'uko twabivuze.

Ubwo kwiyongera kw'urudaca kurerekana ibingibi:

I) Mu myaka ibili,akayoka kamwe gakuru gashobora kubyara ibyana bya duve 2.000.000; inka nzima kuyandura rero ugasanga ali n'ikibikino.
2) Igiha duve kwororoka ityo ni ukubona ya misundwe imeze nk'utungamunjonjororwa yihishamo.
3) Icyanduza inka ni ukurisha mu bishanga cyangwa kwuhirwa mu mariba alimo utwo tuyoka.

B.- Duve itera se indwara ikomeye?

Ikidashidikanywa ni uko ibasha kwica intama. Ku ntama I00 ziyirwaye hapfa nka 25 zirenga.Nazo inka ifashe no mu Burayi ntabwo igeza igihe cyo kuyica ngo iyihirike, kubera ko ubwayo atali indwara ikomeye cyane kandi inka zikaba ziyirinda cyane.Muli Ruanda-Urundi nta nka n'imwe yigeze kwicwa na duve iyongiyo.

C.- Duve umuntu yayirwanya ate?

Nubwo duve itica inka ngo iyihirike,ibyo ntibiyibuza kuyishegesha,ikaba rero yayirindirwa icyo.Byongeye kandi imiti abaganga ba Leta bafite ishobora kuvura iyo ndwara, icyo batashobora ni ukubuza iyo bakijije kwongera kwandura Ibyo ni ukuvuga ko kuvura inka yafashwe biyikiza,aliko bikaba nko kuyorohereza gusa, kuko nyirayo atayirinze ishobora kwandura bundi bushya.

Kurwanya duve by'ukuli rero ni ukugoresha imiti ivura n'imiti ikingira.Iyo miti yo gukingira umutunzi wese arayifitiye.Dore ngiyi:

.../...

I) Kurinda inka urwuri rw'igishanga kirimo amazi y'umusitwe cyane cyane iyo icyo gishanga cyagezemo ya misundwe utwo tuyoka twarikamo.Ibyiza rero ni ukuragira mu nzuri ziheheraye aliko zituzuyemo amazi, mu zayamazwemo no kuyayobora mu migende cyangwa se zatewe imiti.

2) Kwuhira inka amazi meza atemba,ntizigire ubwo zinywa ayo mu bishanga by'imisitwe.

3) Guha inka ubwatsi bwiza no kuzigabulira umunyu ngo wongere imbarage zisanganiwe ziziha kunesha duve n'izindi nzoka zo mu nda.

x

x x

Ijambo rya nyuma umuntu yavuga ni uko kuva kera cyane nta gihugu duve itabamo; aho yibanda cyane ni mu bihugu bishyuha,kuko ubukonje buvanze n'ubushyuhe,hamwe n'imisundwe byahadutse isi ikiremwa.

Juni I959.-